

NOMERO Y'AMABWIRIZAA	IZINA RY'AMABWIRIZA	ITARIKI AZATANGIRA GUKURIKIZWA
3549.7	AMABWIRIZA AGENGA ITANGWA RY'UBUFASHA BW'AMAFARANGA	09/30/2023
UBWOKO BWA GAHUNDA	AHANTU	BIKORESHA MU
MAFARANGA	SERIVISI ZISHINZWE AMAFARANGA Y'ABARWAYI	IBITARO BYOSE

IKIGAMIJWE:

Mu Kubahiriza umurage wacu n'intego nk'umuryango udaharanira inyungu wiyemeje gutanga ubuvuzi bufite ireme ku bo duha serivisi bose ku buryo bwita ku byo imiryango migari yacu ikeneye kandi bugaha agaciro umurage wacu wo kwizera, Ibitaro bya Norton Healthcare biha ubuvuzi bwihutirwa cyangwa ubundi buvuzi bwa ngombwa abarwayi bacu, harimo abarwayi bafite ubwishingizi cyangwa abafite ubwishingizi budahagije, hatitawe ku bushobozi bwabo bwo kwishyura igice cy'ubuvuzi cyangwa ubuvuzi bwose

Aya mabwiriza agenga itangwa ry'ubufasha bw'amafaranga ("FAP") igamije kuba I.R.C. (igitabo cy'Itegeko rigenga umusoro ryo mu 1986, nk'uko ryavuguruye) §501(r)-amabwiriza bigendanye yo gutanga ubufasha bw'amafaranga yashyizweho kandi ikoreshwa mu:

- (A) Kwemeza ibigenderwaho mu kugenera umurwayi w'ibitaro ubufasha bw'amafaranga;
- (B) gushyiraho uburyo abarwayi b'ibitaro bashobora gukoresha kugira ngo babone ubufasha bw'amafaranga;
- (C) Gushyiraho ishingiye ryo kubara amafaranga acibwa abarwayi b'ibitaro bemerewe ubufasha;
- (D) guhamya ko iyi FAP yamamaza cyane mu barwayi ibitaro byakira;
- (E) guhamya ko ivuriro rya Norton itazagira uruhare mu bikorwa bidasanze byo gukusanya mbere yo gushyira imbaraga zifatika mu kwemeza ukwemerwa k'umurwayi y'ibitaro hagendewe kuri iyi FAP no;
- (F) guhamya ko abarwayi b'ibitaro bemerewe FAP batazacibwa amafaranga arenga acibwa muri rusange abandi barwayi bafite ubwishingizi bwa bene ubwo buvuzi.

Hashingiye ku isuzuma ry'ibikenewe mu buvuzi bw'umuntu wemerewe, "**Ubuvuze bwa Ngombwa**" bivuze serivisi za ngombwa kandi zikenewe mu kugaragaza, gusuzuma, kuvura, gukosora, gukiza, koroshya cyangwa gukumira indwara, uburwayi, igikomere, ubumuga, cyangwa ikindi kibazo cy'ubuzima harimo gutwita, kandi bigaragaza mu buryo budahunduka no "Gukenera Ubuvuzi" nk'uko byasobanuye na Gahunda ya Medicaid muri Kentucky. Bene izi serivisi zigomba kuba zikenewe mu buvuzi kandi zikaba zifite ibipimo ngenderwaho byemewe muri rusange byo gutanga ubuvuzi bufite ireme. Byongeye, bene izi serivisi zigomba gutangirwa ahantu habugenewe aho, ku mpamvu zifatika, zishobora gutangwa nta kibazo ziteje kandi neza. Ubuzi bwa ngombwa ntabwo bukubiyemo ubuvuzi ubwo ari bwo bwose butangwa mu buryo bw'ibanze mu rwego rwo gutuma umuntu yumva ameze neza, uwita ku muntu cyangwa utanga serivisi z'ubuzima, cyangwa ku mpamvu zo kongera ubwiza.

"**Ubuvuze bwihutirwa**" bivuze za serivisi, harimo gusuzuma no gufasha umuntu kumera neza, zitangwa hamajwe kuvura uburwayi (1) bwigaragaza biciye mu bimenyetso bw'igikatu z'ubukare bwo kwihaza (harimo ububabare bukabije) aho habayeho kubura ubuvuzi bw'ako kanya byakwitegwa n'umuntu usanzwe witonda byatuma habaho(a) gushyira ubuzima bw'umuntu (cyangwa, ku bijyanye n'umugore utwite, ubuzima bw'umugore n'umwana we utaravuka) mu kaga gakomeye, (b) ubumuga bukomeye bw'imikorere y'umubiri, cyangwa (c) imikorere mibi y'urwungano rw'umubiri cyangwa igice cyawo, cyangwa (2) ku bijyanye n'umugore uri ku bise, ko (a) hari igihe kidahagije cyo gutanga taransiferi yizewe mu bindi bitaro mbere y'uko abyara, cyangwa (b) ko taransiferi ishobora guteza ibyago ubuzima n'umutekano w'umugore cyangwa umwana utaravuka

AHO AKORESHWA:

Iyi FAP ikora ku barwayi bose b'ibitaro bagaragaje ubushobozi buke bwo kwishyura (bitandukanye n'ubushake buke bwo kwishyura, bifatwa nk'umwenda mubi) kuri bamwe cyangwa amafaranga yose yaciwe ku buvuzi bwihutirwa cyangwa izindi serivisi za ngombwa zitangwa n'ibitaro ahantu hakurikira:

Ibitaro bya Norton Audubon	Ibitaro bya Norton Scott ²
Ibitaro bya Norton Brownsboro	Ikigo kivura Kanseri cya Norton
Ibitaro bya Norton	Ibitaro by'Indwara z'Umutima za Norton - Springs
Ibitaro by'Abagore n'Abana bya Norton ¹	Ibitaro by'Indwara z'Umutima za - Dixie
Ibitaro by'Abana bya Norton	Ikigo cy'Isuzumiro cya Norton Diagnostic - Dupont
Ivuriro ry'Abana rya Norton	Ikigo cy'Isuzumiro cya Norton - Fern Creek
Norton King's Daughters' Health	Ikigo cy'Isuzumiro cya - St. Matthews
Ibitaro bya Norton Clark ²	

AMABWIRIZA AGENGA ITANGWA RY'UBUFASHA BW'AMAFARANGA:

Ibitaro bya Norton bitanga ubuvuzi bw'ubuntu ku barwayi bujuje ibisabwa na FAP.

(A) Ibigenderwaho mu Kwemererwa Ubufasha bw'Amafaranga

1. Muri rusange, kwemererwa FAP mu bitaro bya Norton bishingira ku ho umuryango utuye, amafaranga yinjizwa, umutungo n'umubare w'abashamikiye ku muryango.
2. By'umwihariko cyane, ibigenderwaho bikurikira bikorehwa mu kugaragaza kwemererwa FAP ku murwayi (cyangwa umwishingizi w'uwo murwayi):
 - a. Umurwayi ntafite ubwishingizi bw'ubuzima cyangwa hasigaye amafaranga atarishyurwa nyuma y'uko ubwishingizi bwabo bw'ubuzima bwishyuye cyangwa se bwanze ubusabe bwabo³ kandi umurwayi ku rundi ruhande akaba yemerewe FAP; ndetse
 - b. Umurwayi ntiyujuje ibisabwa ngo yishyurirwe igice cy'ubwishingizi cyangwa ngo ahabwe ubufasha na leta cyangwa Ibitaro bifasha abarwayi b'amikoro make ("DSH"), Porogaramu iha abana ubwishingizi bw'ubuzima ("CHIP"), Medicaid, Ikigo gishinzwe ubuvuzi bwishyurwa na Medicaid ("MCO"), cyangwa Hoosier Healthwise; kandi
 - c. Amafaranga umuryango w'umurwayi yinjiza angana na cyangwa ari muni ya 350% y'Amabwiriza ya Leta agaragaza Ubukene ("FPG"); kandi
 - d. Umutungo w'umuryango w'umurwayi/ ibyo utunze bingana cyangwa biri muni ya 200% by'imirongo ngenderwaho ya DSH; no
 - e. Kwemererwa ubufasha bw'ubuvuzi butari bwihutirwa bwa ngombwa, umurwayi (cyangwa umwishingizi w'uwo murwayi) nawe agomba kuba umuturage wa Kentucky, Indiana, Tennessee, Ohio cyangwa Illinois. Ibi bisabwa by'aho umuntu atuye ntibireba ubuvuzi bwihutirwa. U"muturage" wa leta ni umuntu ubarizwa muri leta ku itariki yahereweho serivisi.
3. Ku mpamvu yo kwemeza amafaranga umuryango winjiza n'umutungo wawo, ibisobanuro bikurikira birakorehwa:
 - a. **Umurwayi** ni umuntu uherwa ubuvuzi mu bitaro ku bufasha bwa FAP.

¹ Hashobora gutangwa fagitire y'Ibitaro by'Abana bya Norton - St. Matthews

² Kuri ibi bitaro, aya mabwiriza akora gusa kuri serivisi zitangwa ku wa 30 Nzeri 2023 cyangwa nyuma yaho (kandi ko uretse ibyo yemerewe hagendewe ku ngingo zigize aya mabwiriza).

³ n'ubwishyuru ubwo ari bwo bwose bwahawe umuntu ugenerwa ubufasha bwa FAP – binyuze mu kujuririra ubwishingizi bwabo cyangwa urubanza, ubukemurampaka, umwanzuro wumvikanyweho, n'ibindi. – bigomba guhita byoherezwa ku bitaro bya Norton kandi n'ubufasha bwose bwa mbere buzasimbuzwa iyo ngano y'amafaranga. Kutabikora bishobora gukuraho ubufasha bw'amafaranga wari wemerewe mbere bigatuma umwishingizi asabwa kwishyura amafaranga asigaye hadatanzwe ubufasha bw'amafaranga.

- b. **Umwishingizi** ni umuntu wishingira umurwayi mu buryo bw'amafaranga (iyo nta wundi muntu wo kwishingira umurwayi mu buryo bw'amafaranga, umurwayi na we ni umwishingizi)
- c. **Uwishingikiriza ku bandi** ni umuntu wafashwe utyo n'umurwayi cyangwa umwishingizi mu kwishyura imisoro ya leta.
- d. **Usaba FAP** ni umurwayi cyangwa umwishingizi.
- e. **Uwo mwashakanye** bivuze umuntu washakanye n'undi muntu bashyingiranywe mu mategeko bikaba, harimo gushyingiranwa kw'abahuje ibitsina, hatitawe ku ho utanga cyangwa uhabwa serivisi z'ubuvuzi aherereye, cyangwa aho uwo bashakanye atuye, kwemerera bene uko gusezerana kubaho cyangwa kwemera bene uko gusezerana.
- f. **Gusezerana** bivuze gusezerana mu mategeko bikaba, bivuze umuntu washakanye n'undi muntu bashyingiranywe mu mategeko bikaba, harimo gushyingiranwa kw'abahuje ibitsina, hatitawe ku ho utanga cyangwa uhabwa serivisi z'ubuvuzi aherereye, cyangwa aho uwo bashakanye atuye, kwemerera bene uko gusezerana kubaho cyangwa kwemera bene uko gusezerana.
- g. **Umuvandimwe**, aho rikokoreshwa nk'izina, ariko ntirigarukira ku, uwashakanye n'undi.
- h. **Utujye imyaka y'ubukure**: ni umuntu wese (a) ufite imyaka iri muni ya 23 ubana n'umubyeyi kandi wafashwe nk'ushamikiye ku musoro wa leta utangwa n'uwo mubyeyi, cyangwa (b) ufite imyaka iri muni ya 18 ubana n'umwishingizi mu rugo.
- i. **Umuryango** ugize n'abakurikira:
 - (1) Umuntu n'uwo bashakanye; cyangwa
 - (2) Ababyeyi na/cyangwa abashakanye n'ababyeyi, abana babo bataruzuzwa imyaka y'ubukure na /cyangwa abana b'umwe mu bashakanye, bese babana mu rugo; cyangwa
 - (3) Ababana batarashyingiranywe bafitanye byibura umwana umwe utaruzuzwa imyaka y'ubukure, hamwe n'umuvandimwe uwo ari we wese w'uwo mwana, bese babana mu rugo; cyangwa
 - (4) Umwana utaruzuzwa imyaka y'ubukure, umwishingizi w'umwana utaruzuzwa imyaka y'ubukure wemewe n'amategeko, bese babana mu rugo; cyangwa
 - (5) Umwana utaruzuzwa imyaka y'ubukure, umwana w'uwo mwana utaruzuzwa imyaka y'ubukure, bese babana mu rugo; cyangwa
 - (6) Umwana utaruzuzwa imyaka y'ubukure, umwana w' uwo mwana utaruzuzwa imyaka y'ubukure, n'undi mubyeyi w'uwo mwana, hatitawe ku irangamimerere, bese babana mu rugo (uyu ufatwa nk'umuryango utandukanye wo mu wundi muryango na wo uba muri urwo rugo); cyangwa
 - (7) Umwana utaruzuzwa imyaka y'ubukure na sekuru na nyirakuru b'uwo mwana utaruzuzwa imyaka y'ubukure babana mu rugo (sekuru na nyirakuru ni umuryango utandukanye keretse umwana utaruzuzwa imyaka y'ubukure yaratangajwe na sekuru cyangwa nyirakuru nk'ushamikiye ku bandi kandi sekuru cyangwa nyirakuru bashobora guhamya ubwishingirwe bwe); cyangwa
 - (8) Ababana batarasezeranye babana mu rugo harimo ababana batarasezeranye mu buryo buzwi mu zindi leta cyangwa umwe mu babana batarasezeranye afata undi nk'umushamikiyeho.
- j. **Amafaranga yinjizwa n'umuryango** ni igiteranyo cyose cy'amafaranga n'abagize umuryango bese avuye ahantu hose igihe cyose mbere y'emezi 12.

- k. Umutungo w'umuryango/ibyo umuryango utunze harimo ibibarwa mu mafaranga (amafaranga, konti za banki, impapuro zo kubitsa, n'ibindi) n'ibifatika kabone nubwo hari ibiyihariye bikurikira:
- (1) Urugo, ibintu biri mu rugo n'umutungo bwite harimo imirimbo, imyambaro n'ibindi bintu by'umuntu ku giti cye;
 - (2) Kugeza ku madolari \$6.000 angana n'amafaranga yinjizwa n'umutungo nyakuri utari uw'urugo (ubushabitsi cyangwa bitari ubushabitsi) by'ingenzi mu kwifasha;
 - (3) Gushyingura bigenerwa kugera ku madolari \$1.500 ku muntu, ahantu ho gushyingura harimo ikibanza, isanduku, imva, n'ibindi bikoresho bya bene ubwo bwoko, na gahunda zo gushyingura zidahinduka zishyurwa mbere, amasezerano no gukusanya amafaranga yifashishwa mu gushyingura.
4. Kwemererwa ubufasha bw'iyi FAP kuri serivisi zo mu gihe cyahise nta cyizere bitanga ko umuntu azemererwa serivisi zo mu gihe kizaza. Kwemeza kwemererwa n'iyi FAP serivisi zifitanye isano n'ubuvuzi bwihutirwa cyangwa ubundi buvuzi bwa ngombwa bifite agaciro mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri uhereye igihe ubusabe bwashyirwa.
 5. Mu gihe, Iyo hakurikizwa amabwiriza y'ubwishingizi yo kudatanga fagitire, umurwayi atora kudaha ikigo cy'ubwishingizi bwe fagitire y'ivuriro rya Norton mu gihe cy'iyi FAP, aya mafaranga yishyujwe ntazaba yujuje ibisabwa ngo hatangwe ubufasha bw'amafaranga bwa FAP.
 6. Mu gihe umubyeyi cyangwa umubyeyi umwishingizi atoye kutongera umwana we cyangwa umwana utaruzuzwa imyaka y'ubukure ku bwishingizi bwe kandi akanga gusaba ubwishingizi bwa Medicaid cyangwa MCO by'urwo ruhinja cyangwa umwana utaruzuzwa imyaka y'ubukure, ubwo amafaranga yishyujwe kuri urwo ruhinja cyangwa umwana utaruzuzwa imyaka y'ubukure ntazaba yujuje ibisabwa ngo hatangwe ubufasha bw'amafaranga bwa FAP.
 7. Ubuvuzi butihutirwa, kabone nubwo bwaba ari ubuvuzi bwa ngombwa, ntibuzemererwa ubufasha bw'amafaranga bwa FAP ku murwayi witabira gahunda y'ubwishingizi ishyira ivuriro rya Norton n'ibigo birishamikiyeho bitandukanye biri "hanze y'ivuriro" cyangwa abo ubwishingizi butabariramo ivuriro rya Norton n'ibigo birishamikiyeho nk'ibigira uruhare mu gutanga serivisi – keretse ivuriro rya Norton ryemeje ubufasha bw'amafaranga bw'uwo murwayi hashingiwe ku bwumvikane bwabanje bwagiranywe n'umwishingizi cyangwa bitewe n'ukuri kw'ibikenewe n'impamvu zihariye by'uwo murwayi.
 8. Ivuriro rya Norton ryemeje ko, kutabaho kw'impamvu zidasanzwe, serivisi zijyanye na porogaramu yo kurwanya umubyibuho ukabije ni *ingenzi* mu buvuzi ariko si *ngombwa* mu buvuzi. Bityo rero bene izo serivisi ntizemererwa ubufasha bw'amafaranga, kandi umurwayi azaba afite inshingano zo kwiyishyurira izo serivisi, amafaranga yose (cyangwa amafaranga asigaye kwishyurwa nyuma yo kwishyura ingano yose y'amafaranga yishyurwa n'ubwishingizi bwigenga cyangwa abandi bishyuriye umurwayi).

(B) Uburyo bwo gusaba ubufasha bw'amafaranga

1. Nk'uko biri ku rutonde rwa **Exhibit A**, abakozi b'ivuriro rya Norton cyangwa abahawe inshingano mu bitaro bya Norton barahari kugira ngo bafashe abarwayi kwemeza, no/cyangwa gusuzuma abarwayi kugira ngo bemeze, kwemererwa kwabo muri porogaramu y'ubufasha butangwa na leta cyangwa ubufasha bw'amafaranga. Gusaba ubufasha bwa leta cyangwa ubufasha bw'amafaranga bishobora kuzuzwa n'umurwayi mu buryo butaziguye kandi burahari nk'uko byasobanuwe muri iyi FAP. Iyi porogaramu izatangwa yishingiwe n'ibitaro bya Norton umurwayi ntacyo yishyujwe.
2. Kugira ngo usabe ubufasha bw'amafaranga bw'iyi FAP, usaba FAP agomba:
 - a. kuzuzwa ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga- (reba **Exhibit B1**); no
 - b. Gutanga raporo zabo za banki mu mezi atatu kuri konti zose zo kubitsa no kubikuzana n'izo kuzigama.

3. Andi makuru ashobora gusabwa usaba FAP igihe akenewe mu rwego rwo gusobanura neza amakuru yatanze mu busabe na/cyangwa raporo za banki, nka kopi z'umusoro wishyuye mu mwaka washize, inyemezabwishyu, ibyangombwa by'uko uri umushomeri, ibyangombwa by'ubwiteganyirize, ibyangombwa by'ikode, raporo z'inguzanyo yo kugura inzu, amasuzuma y'imisoro ku mitungo itimukanwa, n'ibindi.

(C) Ishingiro ryo kubara amafaranga yishyuzwa abarwayi bujuje ibisabwa

1. **Ubuwuzi bwihutirwa cyangwa ubundi buwuzi bwa ngombwa.** Ivuriro rya Norton (harimo ibigo bifitanye isano ya hafi) ntiriyishyuzwa andi mafaranga abarwayi bujuje ibisabwa na FAP ku buwuzi bwihutirwa n'ubundi buwuzi bwa ngombwa arenga ku mafaranga yatangiwe fagitire muri rusange ("AGB") ku barwayi bose bafite ubwishingizi bwa bene ubwo buwuzi. Nyamara, ivuriro rya Norton ritanga ubuwuzi bwihutirwa cyangwa ubundi buwuzi bwa ngombwa ku buntu ku barwayi bose bujuje ibisabwa ngo bahabwa ubufashwa bw'amafaranga bwa FAP. Ivuriro rya Norton rikoresha uburyo bwo gusuzuma no kubara ijanisha rya AGB ku bitaro kuri buri bitaro bigabanya igiteranyo cy'amafaranga yashyujwe ku buwuzi bwihutirwa n'ubundi buwuzi bwa ngombwa bwemerewe Medicaid (harimo ibigo bishinzwe ubuwuzi bwishyurwa na Medicaid na Medicaid isubiza amafaranga yishyuwe serivisi zatanze) mu gihe cy'amezi 12 kuri karendari y'umwaka, ku giteranyo cy'amafaranga mbumbe yishyujwe. Ivuriro rya Norton rishyira ku rubuga rwaryo rwagenewe ubufasha bw'amafaranga kopi y'icyo gihe isobanura amafaranga ya AGB yabazwe n'amajanja yayo.
2. **Ubundi buwuzi bwose.** Umurwayi wemerewe FAP azishyuzwa amafaranga ari muni y'amafaranga mbumbe yishyujwe kuri ubwo buwuzi; bwatanze, nyamara, ko raporo ya fagitire ishobora gushyiramo amafaranga mbumbe yishyujwe kuri bene ubwo buwuzi nk'aho guhera mu gukoresha amafaranga ari mu masezerano, kugabanyirizwa amafaranga, gukurirwaho amafaranga kugira ngo hagerwe ku mafaranga ari muni y'amafaranga mbumbe umurwayi wemerewe FAP biteganywa ko yishyura.

Amafaranga yishyuzwa kuri serivisi zitishyurirwa zahawe abarwayi bemerewe FAP kuri porogaramu za Medicaid cyangwa z'ubundi buwuzi buhabwa abatishoboye (harimo amafaranga yishyujwe ku minsi irenze y'igihe ntarengwa cyo kuba aho) hashobora kubamo umubare w'ubuwuzi bwatanze ku bugwaneza n'ivuriro rya Norton.

(D) Kwamamaza cyane amabwiriza agenga itangwa ry'ubufasha bw'amafaranga

Ivuriro rya Norton ryamamaza cyane iyi FAP, harimo ubusabe bwa FAP n'incamake isobanutse y'ururimi rwa FAP, ku barwayi n'abandi banyamuryango b'abaturage riha serivisi bishoboka ko bakenera ubufasha bw'amafaranga, nta kiguzi, binyuze mu gushyira ku mugaragaro ibyumba by'ubutabazi bwihutirwa n'aho kuryamisha abarwayi, hatangwa incamake isobanutse y'ururimi ya FAP nk'ikigize uburyo bwo kwakira cyangwa gusezerera abarwayi, ndetse no gushyira izi nyandiko n'amakuru aho bibasha kuboneka byoroshye ku rubuga no muri kopi z'impapuro igihe bisabwe. Umuntu nagaragaza ubushake bwo kubona izi nyandiko n'amakuru mu buryo bwa elegitoronike, ivuriro rya Norton rizabikora, urugero, kuri ekara ya elegitoronike cyangwa igikoreshe kigaragaraza amashusho, imeyili, cyangwa aderesi itaziguye y'urubuga cyangwa URL. Aho bikora, hazashyirwaho ubusemuzi bw'izi nyandiko n'amakuru. Buri raporo kuri fagitire izaba ikubiyemo itangazo risobanutse rimenyeshya kandi rigatanga amakuru ku kuba hari ubufasha bw'amafaranga bw'iyi FAP kandi irimo nomero ya telefoni y'ibiro cyangwa ishamba ishobora kwifashishwa mu gutanga amakuru kuri FAP n'uburyo bwo gusaba FAP, na aderesi itaziguye y'urubuga ahashobora kuboneka kopi z'inyandiko za FAP.

(E) Abaganga batari abo mu Butaro bya Norton

Umurwayi ashobora guhabwa ubuwuzi bwihutirwa cyangwa ubundi buwuzi bwa ngombwa mu bitaro akabuhabwa n'abaganga batari ab'ibitaro bya Norton. Ubuwuzi aba baganga batanga bushobora cyangwa ntibushobora kwishyurirwa na FAP. Urutonde rw'aba baganga ndetse niba ubuwuzi batanga cyangwa bwishyurirwa na FAP cyangwa itabwishyurira ruraboneka ku buntu ku rubuga rwa Norton iyo urusabye amashamba nk'uko biri ku rutonde rwa **Exhibit A**.

(F) Ibikorwa byo gukusanya

Ivuriro rya Norton ntirizakora ibikorwa bidasanze byo gukusanya ritabanje gukoresha imbaraga zishoboka mu kugaragaza ko umurwayi yujuje ibisabwa na FAP. Ibikorwa ivuriro rya Norton rishobora gukora bijyanye no kutishyura k'umurwayi byasobanuwe mu mabwiriza aitandukanye yo gutanga fagitire no gukusanya. Aya mabwiriza aboneka ku buntu ku rubuga rw'ivuriro rya Norton iyo uyasabye.

KUGARAGAZA A- AMAKURU YA ADERESI ZEREKEYE UBUFASHA BW'AMAFARANGA

Ku makuru cyangwa ubufasha, sura urubuga rwacu cyangwa utuvugishe kuri:

Urubuga rw'Ubufasha bw'Amafaranga: www.nortonhealthcare.com/FAP

Abajyanama ku Bufasha bw'Amafaranga:

Ibitaro bya Norton	(502) 629-2115 -cyangwa- (502) 629-8277
Ibitaro bya Norton Audubon	(502) 636-7303
Ibitaro bya Norton Brownsboro	(502) 446-8106 -cyangwa- (502) 446-8606
Ibitaro by'Abagore n'Abana bya Norton	(502) 899-6136 –cyangwa - (502) 899-6207
Ibitaro by'Abana bya Norton	(502) 629-8281 -cyangwa- (502) 629-8474
Ivuriro ry'Abana rya Norton	(502) 446-8606
Norton King's Daughters' Health	(812) 801-0676 -cyangwa- (812) 801-8974 -cyangwa- (812) 801-0482
Ibitaro bya Norton Clark	(812) 283-2808
Ibitaro bya Norton Scott	(812) 752-9729
Itsinda rishinzwe kwita ku bakiriya:	(502) 479-6300

Ohereza ubusabe n'inyandiko ku iposita, fagisi kuri:

Aderesi ibarizwaho Ubufasha bw'Amafaranga: Ishami rya SBO rishinzwe Ubufasha bw'Amafaranga 14-7
 Agasanduku k'Iposita 35070
 Louisville, KY 40232-9972

Fagisi ibarizwaho Ubufasha bw'Amafaranga: (502) 629-8883

Imeyili ibarizwaho Unufasha bw'Amafaranga: FAP@nortonhealthcare.org



EXHIBIT B1 – UBUSABE BW'UBUFASHA NW'AMAFARANGA
(REBA PAJI IKURIKIRAHO)

UBUSABE BW'UBUFASHA BW'AMAFARANGA MU IVURIRO RYA NORTON

KONTI #: _____

IZINA RY'UMURWAYI: _____ ITARIKI Y'AMAVUKO: ____ / ____ / ____ NOMERO Y'UBWITEGANYIRIZE: _____

ADERESI: _____ TELEFONE YO MU RUGO: _____ TELEFONE IGENDANWA: _____

UMUJYI: _____ LETA: _____ KODE YA ZIPU: _____ IMEYILI: _____

ESE UMURWAYI NI UMUTURAGE WA LETA ZUNZE UBUMWE ZA

ESE UMURWAYI NI UMUNYAGIHUGU? YEGO OYA AMERIKA? YEGO OYA

UMUKOresha W'UMURWAYI (NIBA ATUJUJE IMYAKA Y'UBUKURE, AMAKURU KU MUBYEYI): _____ TELEFONE: _____

UMUKOresha W'UWO MWASHAKANYE (NIBA ATUJUJE IMYAKA Y'UBUKURE, AMAKURU KU MUBYEYI) _____ TELEFONE: _____

NIBA UFITE UBWISHINGIZI BW'UBUZIMA, VUGA:

IZINA RY'IKIGO: _____ TELEFONE Y'IKIGO: _____

AMABWIRIZA #: _____ UWAHawe AMABWIRIZA: _____

ESE KUBA AHA KWATEWE N'IMPANUKA? YEGO OYA NIBA ARI YEGO, ITARIKI IMPANUKA YABEREYEHO: _____

AMAKURU KU MUNYAMATEGEKO: _____

KONTI IJYANYE N'INDISHYI IHABWA UMUKOZI? YEGO OYA ITARIKI GUKOMEREKA BYABEREYEHO: _____

AMAKURU KU MUNYAMATEGEKO: _____

VUGA IZINA, IMYAKA N'ISANO ABANYAMURYANGO BO MU RUGO BAFITANYE N'UMURWAYI:

IZINA	ITARIKI Y'AMAVUKO	ISANO UFITANYE N'UMURWAYI
_____	_____	_____
_____	_____	_____
_____	_____	_____
_____	_____	_____

(NIBA UKENEYE UNDI MWANYA, ANDIKA INYUMA KURI IYI PAJI)

AMAFARANGA YINJIZWA (KU KWEZI):

AMAFARANGA YINJIZWA N'UMURWAYI (NIBA UMURWAYI ARI UMWANA UTARUZUZA IMYAKA Y'UBUKURE, AMAFARANGA YINJIZWA NA NYINA W'UMWANA): \$ _____

AMAFARANGA MBUMBE YINJIZWA N'UWO MWASHAKANYE (NIBA UMURWAYI ARI UMWANA UTARUZUZA IMYAKA Y'UBUKURE, AMAFARANGA YINJIZWA NA SE W'UMWANA): \$ _____

NIBA UDAFITE AMAFARANGA WINJIZA, NI NDE UKWISHYURIRA IBYO UKENEYE? _____

K-TAP: \$ _____	UBUSHOMERI: \$ _____
UBUFASHA BW'UMWANA/UBUFASHA UMWE MU BASHAKANYE AHA UNDI: \$ _____	ITIKE IFATIRWAHO IBYO KURYA: \$ _____
UBWITEGANYIRIZE: \$ _____	AMAFARANGA AHABWA ABARI MU KIRUHUKO CY'IZA BUKURU: \$ _____
AMAFARANGA AHABWA ABATISHOBOYE / UFITE UBUMUGA: \$ _____	ANDI MAFARANGA YISHYUZWA: \$ _____
	➤ AMAFARANGA MBUMBE YINJIZWA KU KWEZI: \$ _____

AMAFARANGA AKOreshwa (KU KWEZI):

IKODE/INGUZANYO YO KUGURA INZU: \$ _____	IBYO KURYA N'IBIKOresho: \$ _____
TELEFONE: \$ _____	AMAZI, AMASHANYARAZI NA GAZE: \$ _____
	ANDI MAFARANGA AKOreshwa: \$ _____

➤ **IGITERANYO CY'AMAFARANGA AKORESHWA KU KWEZI:** \$ _____

IMITUNGO IBARIKA:	BANKI	AGACIRO
KUBITSA NO KUBIKUZA:	_____	_____
KUZIGAMA:	_____	_____
INGUZANYO Y'IGIHE GITO:	_____	_____
AMAFARANGA YO GUSHORA:	_____	_____
AMASOKO:	401k _____ 403B _____	_____
IMPAPURO MPESHAMWENDA:	_____ IRA _____	_____
INDI MITUNGO:	_____	_____

➤ **IGITERANYO CY'IMITUNGO:** \$ _____

UMUTUNGO UTIMUKANWA:

URUGO:	UNDI MUTUNGO UTIMUKANWA:
_____	_____
IZINA RY'UWAFASHE INGUZANYO YO KUGURA INZU	IZINA RY'UWAFASHE INGUZANYO YO KUGURA INZU
_____	_____
AGACIRO K'UBU	AGACIRO K'UBU
_____	_____
INGANO Y'UBU	INGANO Y'UBU <small>(AGACIRO K'UBU HAVUYEMO IBYO WISHYUZWA)</small>

IZINDI NGO?

(NIBA ARI YEGO, TANGA IZINA RY'UWAFASHE INGUZANYO YO KUGURA INZU, ADERESI, AGACIRO K'UBU N' INGANO Y'UBU)

IBI BIRAHAMYA KO NASABYE KWIGWAHO NGO MBE NAHABWA UBUFASHA BW'AMAFARANGA KU IVURIRO RYA NORTON

NEMEYE guha ivuriro rya Norton amakuru ya ngombwa kugira ngo hemezwe niba nujuje ibisabwa ngo mpabwe ubufasha kuri fagitire z'ubuvuzi zatewe na serivisi naherewe ku mavuriro yayo. Nsobanukiwe ko abaganga banjye n'abandi batanga serivisi z'ubuvuzi bashobora kugira gahunda z'ubufasha bw'amafaranga z'ishobora kumfasha kwishyura fagitire z'ubuvuzi nahawe zatanzwe n'abo baganga. Muri urwo rwego, mpaye uburenganzira ivuriro rya Norton bwo guha abo baganga kopi y'ubusabe bwanjye barimo gusaba kugira ngo ibafashe kwemeza niba nemerewe ibigenwa na porogaramu zabo zitanga ubufasha.

Ndahamya ko amakuru natanze muri ubu busabe yizewe kandi ari ukuri n'uko mbizi kandi mbyizera. Nsobanukiwe ko nintanga amakuru y'ibinyoma cyangwa nkimana amakuru mu gusaba ubufasha, ubusabe bwanjye buzangwa kandi ivuriro rya Norton rizakomeza gukusanya amafaranga ya ngombwa nsigaje kwishyura. Muri ubwo buryo, nshobora kandi gukurikiranwaho uburiganya mu nkiko. Nemeye kumenyesha ivuriro rya Norton impinduka zose mu makuru natanze kuri iyi fishi harimo aderesi, numero ya telefone, n'amafaranga ninjiza.

UMUKONO WA NYIRUBWITE

ITARIKI

➤ **USABWE KUGARURA UBUSABE BWUJUJWE HAMWE KOPI YA RAPORO ZAWA ZA BANKI MU MEZI ATATU KURI KONTI ZOSE ZO KUBITSA NO KUBIKUZA N'IZO KUZIGAMA.**

GARURA AMAKURU KURI:

IVURIRO RYA NORTON

ISHAMI RYA SBO RISHINZWE UBUFASHA BW'AMAFARANGA 14-7

AGASANDUKU K'IPOSITA 35070

LOUISVILLE, KY 40232-9972

TELEFONE YA SERIVISI ISHINZWE KWAKIRA ABAKIRIYA #: (502) 479-6300

FAGISI IBARIZWAHO UBUFASHA BW'AMAFARANGA #: (502) 629-8883

ADERESI YA IMEYILI:

FAP@nortonhealthcare.org

KU YANDI MAKURU SURA:

www.nortonhealthcare.com/FAP